## Ijambo ry’Imana ryo ku Cyumweru tariki 07/27/2025

**Umwigisha:** Pastor Rufus Muhirwe

**Ingingo**: Ugukorera Imana

### 1 Bami 19:9

“Agezeyo yinjira mu buvumo agumamo. Hanyuma ijambo ry'Uwiteka rimugeraho aramubaza ati ‘Eliya we, urakora iki aho?’”

Imana ntiyabajije Eliya impamvu ahari. Ahubwo yamubajije icyo ari gukora aho ari. Ni ikibazo gikomeye, kandi ni nacyo kibazwa buri wese muri twe uyu munsi: “Urakora iki aho uri?” Imana irashaka kumenya impamvu duhagaze aho turi, icyo dukora aho turi. “Uhabereye iki?”

### 1. Kwizera Yesu Kristo

Yohana 6:28–29

“Baramubaza bati ‘Tugire dute ngo dukore imirimo y'Imana?’ Arabasubiza ati ‘Umurimo w'Imana nguyu: ni uko mwizera uwo yatumye.’”

Umurimo wa mbere Imana ishaka ni ukwemera igitambo cy’agakiza duhabwa na Yesu Kristo. Ukwemera ni wo musingi w’ibindi byose.

### 2. Kubaha amategeko ya Yesu no Kwera imbuto

Matayo 22:36–40; Yohana 15:8–9

Yesu yatwigishije ko amategeko akomeye ari abiri: gukunda Imana n’abantu. Ibi nibyo byose amategeko n’ubuhanuzi byubakiyeho. Kandi uwo ukunda Yesu amwumvira kandi amera imbuto. “Ibyo ni byo byubahisha Data, ni uko mwera imbuto nyinshi, mukaba abigishwa banjye.”

Imana ishaka ko tugira urukundo ruzura: urwo dukunda Imana, n’urwo dukunda abantu.

### 3. Gukura mu buntu n'ubumenyi bw'Umwami wacu Yesu Kristo

2 Petero 3:18
"Ahubwo mukurire mu buntu bw'Imana no kumenya Yesu Kristo Umwami wacu n'Umukiza."

Ubukristo si ukwemera gusa, ni urugendo. Umuntu ukuze arangwa n'ibikorwa bihamye. Ntituguma ku kwakira agakiza gusa, ahubwo duhinduka abafatanyabikorwa ba Kristo mu mirimo ye.

### 4. Gukwiza urukundo rw'Imana n'ubutumwa bwiza

Matayo 28:19–20; 2 Abakorinto 2:14
Yesu yadusigiye inshingano nkuru mbere yo kuzamuka mu ijuru: "Genda, uhindure abantu abigishwa…" Turi abatumwa b'urukundo n'ubutumwa bwiza. Tugomba gukoresha impano, igihe, n'imbaraga zacu byose mu gukwiza impumuro nziza yo kumenya Kristo. Ubutumwa bwiza ni ishingiro ry'akazi kacu ko gukorera Imana.

### 5. Kwita ku muryango wacu – Itorero n'imiryango turimo

Imana yashyize buri wese aho ari ku mpamvu ifite. Ibaze: "Ni iki cyatumye Imana inshyira muri iri torero? Mu muryango ntuyemo? Mu kazi nkoramo?" Uri intumwa y'Imana aho uri hose. Imana iragutumaho gukorera aho uri, gutangira aho ufite amahirwe yo kugira icyo uhindura.

### Umwanzuro

Imana yabajije Eliya iti: "Urakora iki aho uri?" — ikibazo gikomeye. Nawe irakubaza none: "Urimo gukora iki aho wibereye?" Igihe kirageze ngo dutekereze kuri icyo kibazo, dusubize mu kuri, kandi dutangire gukorera Imana aho turi hose — mu rugo, ku kazi, mu itorero, mu muryango, no ku isi yose.